**REPUBLIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA NYAGATARE**

***ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO***

Umwaka wa 2020, umunsi wa kabiri w'ukwezi k'Ukuboza;

Twebwe NTABANA Jean Marie Vianney, Umucamanza mu Rukiko Rwisummbuye rwa Nyagatare, dufashijwe na NTAHOBARI Fulgence, Umwanditsi muri uru Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Nyagatare bwaregeye Urukiko aba bakurikira:

-NDAYISHIMIYE Jean Claude, mwene RULINDA PAUL na NIKUZE, ubarizwa mu Mudugudu wa Gahoko, Akagali ka Nyabisindu, Umurenge wa Kiramuruzi, Akarere ka Gatsibo, Intara y'Iburasirazuba;

-MBARUSHIMANA Schadrack, ni mwene NTAHORUTABA na UWANYIRIGIRA Veneranda, yavutse mu w'i 1995, akaba atuye mu Mudugudu wa Nyarusambu, Akagari ka Nyabisindu, Umurenge wa Kiramuruzi, mu Karere ka Gatsibo, mu Ntara y'Iburasirazuba;

-MURINDAHABI James ushinjwa, ni mwene KAGIMBURA Augustin na MUKAKARARA Angela, yavutse mu w'i 1985, mu Mudugudu Gahoko, Akagari ka Nyabisindu, Umurenge wa Kiramuruzi, mu Karere ka Gatsibo, mu Ntara y'Iburasirazuba;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha cyageze mu Rukiko gihabwa n$^0$ RP 00795/2019/TGI/NYG bukurikiranyeho NDAYISHIMIYE Jean Claude buvuga ko yatorotse, MBARUSHIMANA Schadrack na MURINDAHABI James icyaha cy'ubwicanyi giteganywa kigahanishwa ingingo y'107 z'itegeko nº68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange;

Dushingiye ku ngingo ya 160 y'Itegeko Nº 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, iteganya ibyerekeye ukurikiranywe wihishe cyangwa watorotse ubutabera;

Dutegetse NDAYISHIMIYE Jean Claude kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Nyagatare ku wa 12/01/2021 saa mbirii za mu gitondo kugira ngo aburane urubanza aregwamo n'Ubushinjacyaha;

Dutegetse ko iki cyemezo gitangazwa mu Mvaho Nshya, kikanamanikwa ku Biro by'Umurenge wa Kiramuruzi no ku Biro by'Akarere ka Gatsibo, NDAYISHIMIYE Jean Claude atakwitaba kuri iyo tariki yavuzwe, hakemezwa ko yasuzuguye amategeko.

URUKIKO RWISUMBUYE RWA NYAGATARE
REPUBULIKA Y'U RWANDA

| | |
|---|---|
| **NTABANA Jean Marie Vianney** | **NTAHOBARI Fulgence** |
| **UMUCAMANZA** | **UMWANDITSI W'URUKIKO** |